



Ikinyamakuru N°28/2016;

Taliki ya 01– 10 Ukwakira 2016

Ryoherejwe kuwa 12 Ukwakira 2016

Ingingoz'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 1 kugeza taliki 10 z'ukwezi k'Ukwakira 2016; cyagaragaje imvura iri mu kigero cy'isanzwe igwa mu gice cy'amajyepfo y'Intara y'Ubuasirazuba, mu gihe ibindi bice byabonye **imvura iri hejuru y'isanzwe iboneka**. Imvura ivanze n'umuyaga ndetse ikanumvikanamo inkuba yabonetse hirya no hino mu gihugu; byatumye
- **Ububobere bw'ubutaka bwiyongera** mu bice byose by'Ighugu cyane cyane igice kiri mu majyaruguru y'u Rwanda ndetse n'ikiri mu majyepfo.
- Hateganijwe igabanuka ku mvura igwa mur'iki gihembwe cya kabiri cy'Ukwakira 2016.


Iriburiro

- a) Imbonerahamwe irererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu gihembwe cya mbere (1-10) cy'ukwezi k'Ukwakira 2016 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri uku kwezi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	1-10 Ukwakira 2016	1-10 Ukwa kira
Kigali	57.1	24.7
Rusizi (Kamembe)	73.8	52.6
Rubavu (Gisenyi)	97.3	41.1
Nyamagabe (Gikongoro)	80.9	52.9
Ngoma (Kibungo)	21.3	24.2
Gicumbi (Byumba)	97.1	34
Busogo	108.2	37.2
Bugarama	104.3	26.6
Musanze (Ruhengeri)	108.2	48.3
Gitega	59.1	37.9
Rubengera	58	34.7
Byimana	67.9	18.9
Kawangire	92.9	24.3
Nyagatare	59.5	34.7


Imbonerahamwe ya1




Igishushanyo1

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye mu gihembwe cya 1 cy'Ukwakira 2016, imvura isanzwe igwa mu gihembwe cya 1 cy'Ukwakira, imvura yaguye mu gihembwe cyakibanjirije ndetse n'imvura isanzwe igwa mur'icyo gihe.


Ikarita ya1: Imvura yaguye 01–10 Ukwakira 2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa hagati ya 01–10 Ukwakira



Ikarita ya3: Imvura yaguye 01–30 Nzeri 2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa hagati ya 01–30 Nzeri



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu hagati ya 01–10 Ukwakira 2016 mu buryo burambuye

Ukwiyongera kw'invura kwagaragaye mu kwezi kwa Nzeri (reba **ikarita ya3&4**) ndetse kugakomeza mu gihembwe cya mbere cy'Ukwakira (reba **ikarita ya1&2**); bwatumye igihugu cyose kiba ku kigereranyo gisanzwe ndetse no hejuru:

a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro bwose buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa kugeza ku gipimo cyo hejuru (nkuko **ikarita ya1&2** zibyerekana). Nubwo Ubupimiro bwa Ngoma (buherereye mu majyepfo y'iyi Ntara) bwerekankako imvura yabonetse ari nkeya (reba **ikarita ya1&2**); ntago iyi mvura yari nke cyane kuko habonetse mm21.3 mu gihe twari tumenyereye kubona mm24.2

b) Intara y'Amajyaruguru

Intara imenyereweho kugira imvura nyinshi; yagize imvura iri hejuru y'isanzwe imenyerewe muri iyi mins; aho ubupimiro bwa Musanze ndetse Busogo bwagiye bubonae imvura ingana na mm108.2

c) Intara y'Amajyepfo

Ubupimiro bwose bwerekanye imvura iri hejuru y'isanzwe igwa. Muri iyi mins imaze guhita y'Ighembwe A-Cy'Ihinga (kuva muri Nzeri kugeza Ukuvoza 2016; Ubupimiro bwa Byimana bwabonye imvura iri hejuru cyane y'isanzwe ihaboneka ((reba **imbonerahamwe ya1**); ariko igice cy'amajyepfo y'uburengerezuba ku Bupimiro bwa Nyamagabe niho habonetse imvura

nyinshi muri iyi Ntara ingana na mm80.9 (imvura itari hejuru cyane y'iri isanzwe ihaboneka)

d) Intara y'i Burengerazuba


Ku bupimiro bwose habonetse imvura yageze ku gipimo cy'isanzwe igwa kujya hejuru (reba **ikarita ya1&2**); cyane cyane Ubupimiro bwa Bugarama (buherereye mu Majyepfo y'iyi Ntara) bwabonye mm104.3 (inshuro 5 imvura yari imenyerewe muri aka gace)

e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 wabonye imvura iri hejuru y'isanzwe igwa (reba **ikarita ya1&2**, cyane cyane mu gihembwe cya mbere cy'Ukwakira kwa 10 (Ukwakira)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Igihembwe cya mbere cy'Ukwakira 2016 habonetsemo imvura yakomeje kubobereza ubutaka cyane cyane igice cy'amajyepfo ndetse n'amajyaruguru y'u Rwanda (nkuko amafoto y'icyogajuru **Ikarita5&6** abyerekana).

Ifoto y'icyogajuru irerekana igipimo kiri hejuru y'ijana ($MI > 100$) ku gipimo mpuzamahanga ku buhehere bw'ubutaka mu gihugu cyose (reba **Ikarita5&6**); ububobere bubereye ibihingwa byinshi gukura neza.

Mu gihembwe cya kabiri cy'Ukwakira 2016(11-20); hateganijwe igabanuka ry'imvura ariko ikazakomeza kubobereza ubutaka cyane cyane mu majyaruguru ndetse n'uburengerazuba by'igihugu. Abahinzi baragirwa inama yo kubika amazi muri iyi minsy'imvura

b) Iteganyagihe ry'ighembwe cya kabiri cy'Ukwakira 2016

Igihembwe cya kabiri cy'ukwakira k'Ukwakira 2016 igabanuka ry'ingano y'imvura ariko ikazakomeza kuboneka cyane cyane mu bice by' amajyaruguru n'uburengerazuba bw'u Rwanda:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe igabanuka ku ngano y'imvura

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe imvura cyane cyane igice cy'amajyaruguru y'iyi Ntara izaba iri mu kigero cy'isanzwe igwa ndetse n'igabanuka ry'imvura mu bice by'amajyepfo y'iyi Ntara.

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe ubwiganze bw'imvura ihagije ishobora kwiyongera ku gipimo cy'iyari isanzwe igwa.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe imvura ihagije ishobora kwiyongera mu gice cy'amajyepfo y'uburengerazuba bw'iyi Ntara nahomu kindi gice cy'iyi Ntara hakaba hateganijwe igabanuka ku ngano y'imvura isanzwe ihaboneka

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi, iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)